

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**ISHURI RIKURU RY'IMARI N'AMABANKI**



**SERIVISI ZITANGWA N'ISHURI RIKURU  
RY'IMARI N'AMABANKI**

**ISHURI RIHEREREYE  
MBURABUTURO - GIKONDO  
P.O. BOX, 1514 KIGALI-RWANDA  
Tel: +250 (0) 252 57 43 02  
Fax : +250 (0) 252 50 29 11**

***E-mail : [info@sfb.ac.rw](mailto:info@sfb.ac.rw)***

***Website: [www.sfb.ac.rw](http://www.sfb.ac.rw)***

## **IRIBURIRO**

Nejejwe no kubagezaho iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zitangwa n' Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki.

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'Abakozi n'Ibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa ku ntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyo bakora.

Iki gitabo kigaragaza uruhare rw'Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki mw'itangwa rya serivisi mu Rwanda kikanerekana serivisi zitangwa ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rwaho izo serivisi zitangirwa nibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage ryerekana ubushake Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki rifite mw'itangwa rya serivisi nziza kandi zihuse

**Prof. Reid E. Whitlock**

**Umuyobozi w'Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki**

Iki Gitabo kigaragaza serivisi SFB igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- icyerekezo n'Intego bya SFB byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
  - Ubunyangamugayo
  - Hubahirizwa amategeko
  - Mu bwitonzi n'Ubupfura
  - Mu bwumvikane
  - Mu kuri no kudatoranya
  - Mu mucyo
  - Kugaragaza ibyo ikora
  - Gukorera ku gihe
  - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na SFB:
  - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na SFB,
  - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
  - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
  - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
  - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri SFB. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.
- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na SFB.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri SFB.
- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za SFB zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikeneye.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za SFB no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo

gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za SFB bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, SFB yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko SFB isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakazi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuzwa no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, SFB yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu SFB yashyizeho uburyo bunozwe bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'Imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'Abagana serivisi za SFB
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'iperereza ku bagana serivisi za SFB gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana SFB banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero SFB ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. SFB izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. SFB irifuzwa gufatanya mu buryo bunozwe n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na SFB:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti, kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.
- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri SFB mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho SFB igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.

- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, SFB yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyoyi miyoboro y'ikoranabuhanga.

Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, SFB iteganya gukoreshwa ibikoresho tekini zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavugaga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejewe;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na SFB kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, SFB irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenere :

- Serivisi ishinze kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuzwa mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
  - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
  - Ibyapa
  - Ibiganira mbwirwa ruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru
- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiri kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuzwa mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televiziyo;
- Ibiganira mbwirwa ruhame kuri radiyo na televiziyo;
- Interineti n'uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
  - Gushakisha imiyoboro

- imbuga za interineti rusange
  - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
  - urubuga rwa interineti rwihariye
- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
  - Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
  - Amakuru mu binyamakuru;
  - Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
  - Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
  - Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abanyeshuri, Abashakashatsi, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

### **Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:**

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa SFB bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyamugayo.

### **Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:**

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba SFB mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitungire ya serivisi mu Nzego z'Uburezi;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri SFB;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri SFB binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

**Aho wabariza:**

ISHURI RIKURU RY'IMARI N'AMABANKI  
MBURABUTURO - GIKONDO  
P.O. BOX, 1514 KIGALI-RWANDA  
Tel/: +250 (0) 252 57 43 02  
Fax : +250 (0) 252 50 29 11  
E-mail : [info@sfb.ac.rw](mailto:info@sfb.ac.rw)  
Website: [www.sfb.ac.rw](http://www.sfb.ac.rw)

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.

Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

## **1. INTANGIRIRO**

Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki ni ishuri Rikuru rya Leta ryashinzwe muri Kamena 2002 rishyirwaho n'Itegeko numero 21/2002 ryo kuwa 28 Kamena 2002. Iri shuri ryatangiye kwigisha icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu by'ubucuri muri Mutarama 2006, n'amashami akurikira: ibijyanye n'imari, ubucungamutungo, ubucuruzi, no kwita kubakozi no kuyobora.

## **2. ICYEREKEZO:**

Gutanga ubumenyi bufasha gupiganwa no gusubiza ibibazo kw'isoko ry'umurimo mu rwego mpuzamahanga.

## **3. INTEGO:**

Kuba ishuri ryintangarugero mu by'imari n'amabanki, hibandwa kubushakashatsi n'urwego rw'umwuga tukazaba twemewe muri 2020 mu gihugu, mu karere ndetse no ku rwego mpuzamahanga.

## **4. IBIKORWA BY'INGENZI:**

Ibikorwa by'ingenzi n'ibi bikurikira:

- Gutanga ubumenyi buganisha k'ubucuruzi;
- Gutezimbere kwigisha gufite ireme;
- Gutezimbere ubushakashatsi no kugaragaza ibyavuyemo;
- Gufata neza abakozi no kubazamurira ubumenyi kugira ngo barambe ku kazi;
- Gutezimbere ibitekerezo n'imishinga y'abanyeshuri;
- Kwagura inyubako nibindi bikorwaremezo;
- Kuzamura umutungo w'ishuri;
- Gutezimbere ubufatanye no kuvuganira ishuri;

## **5. INDANGAGACIRO Z'INGENZI:**

Indangaciro z'ingenzi za SFB ni kuba indashyikirwa ritanga ubumenyi butandukanye mu by'ubucuruzi, ubushakashatsi no guhugura rikangurira abaturarwanda kwiyubakamo ubushobozi.



## 6. Serivisi zitangwa n'Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki.

### 1. Ubwoko bwa Serivisi : Gutanga icyemezo "Kuwo Bireba" , Inyandiko yemeza Indangamanota cyangwa ikindi cyemezo cyose gitangwa n'Ishami rishinzwe amasomo

|  |   |
|--|---|
| <b>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>   | Gutanga icyemezo "KU WO BIREBA", Inyandiko yemeza Indangamanota cyangwa ikindi cyemezo cyose gitangwa n'Ishami rishinzwe amasomo:<br>Iyo wamaze kwiandikisha nk'umunyeshuri cyangwa warigeze kuba umunyeshuri wemerewe gusaba icyemezo mu bivuzwe haruguru kigaragaza ko uri cyangwa wigeze kuba umunyeshuri wa SFB |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>   | Ishami rishinzwe amasomo : by'umwihariko ushinzwe guhuzibikorwa ibyicungamutungo (umuhuzabikorwa wabiga kumanywa n'umuhuzabikorwa w'abiga ikigoroba)  |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>   | Guhera kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa gatanu saa kumi n'imwe ku biga kumanywa, naho abiga ikigoroba n'uguhera saa kumi n'imwe n'igice kugeza saa tatu n'igice z'ijoro  |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>  | Umunsi umwe   |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>  | RWF 5000  |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>   | - Ibaruwa isaba<br>- Kopi yikarita yishuri<br>- Ifota ngufi imwe (ya pasiporo)<br>- Inyemezabwishyu iriho kashi yo mw'ishami ry'imari   |
| <b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>  | Ujya mu biro by'umuhuzabikorwa w'ibyicungamutungo Ugatanga ibaruwa isaba igeretseho byose ibisabwa Iyo ibyangombwa byawe byuzuye ubwirwa kuza kubifata nyuma y'umunsi umwe  |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero, nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Ubanze kwishyura muri banki ya Kigali ikorera kuri SFB  |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>  | Kusaba kurenganurwa ushobora kubikora ku giti cyawe cyangwa mu nyandiko ukabinyuza k'umuyobozi ushinzwe amasomo.  |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>   | Wasura urubuga rwa interineti y'Ishuri kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> iyo ushaka amakuru. Ukeneye kumenya andi makuru wahamagara kuri telefoni numero: 0788827048, 0788461534 cyangwa 0788304391 mu masaha y'akazi.   |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>  | Ntazo   |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>  | <ul style="list-style-type: none"> <li>Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> </ul>  |

**2. Ubwoko bwa Serivisi : Kubona umwanya mu ishuri no Kwiyandikisha Kwiga ibijyanjye n'iby'Ubucuruzi**

|  |   |
|--|---|
| <p><b>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</b></p>  | <p>Kubona umwanya mu ishuri no Kwiyandikisha Kwiga ibijyanjye n'iby'Ubucuruzi<br/>Kubanyeshuri bashya ugomba kuba ufite impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye kandi ubyemererwa n'inama nkuru y'uburezi kwiga amashuri makuru.<br/>Ku banyeshuri bari basanzwe biga ugomba kuba wimutse cyangwa wasubiye mu mwaka kuko utakwije amanota.</p>   |
| <p><b>Ishami ryo kubarizamo</b></p>  | <p>Ishami rishinzwe amasomo by'umwihariko ibiro bishinzwe kwandika abanyeshuri</p>  |
| <p><b>Serivisi itangwa ryari?</b></p>  | <p>Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa gatanu saa kumi n'imwe ku biga ku manywa, naho abiga ikigoroba n'uguhera saa kumi n'imwe n'igice kugeza saa tatu n'igice z'ijoro</p>   |
| <p><b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b></p>   | <p>Abanyeshuri babisabye bategereza bitarenze amezi atatu (3) kugira ngo igikorwa cyo gutoranya cyirangire. Abakwije ibisabwa biyandikisha mu byumweru bibiri. Naho abari basanzwe biga biyandikisha ako kanya</p>  |
| <p><b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b></p>   | <p>RWF 3000 yo kwiyandikisha ku banyeshuri bashya n'ibihumbi 28000 ku banyeshuri batangirirwa na Leta.<br/>Ku banyeshuri biyishyurira ari abashya cyangwa abasanzwe biga bishyura amafaranga 228000 urugero ay'umwaka ushize. Abanyeshuri basanzwe biga ariko bishyurirwa na leta batanga amafaranga yo kwiyandikisha 28000 buri mwaka.</p>   |
| <p><b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b></p>  | <p>Ku banyeshuri bashya ari abishyurirwa na Leta cyangwa abiyishyurira bagomba:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kwuzuzura urupapuro rusaba</li> <li>- Kopi 2 z'indangamuntu</li> <li>- Amafoto 3 magufi ya pasiporo</li> <li>- Indangamanota z'umwaka wa 5 n'uwa 6 yisumbuye</li> <li>- Inyemezabwishyu yo kwiyandikisha iriho kashi yo mwishami ry'imari</li> <li>- Kopi ebyiri z'impamyabumenyi ziriho umukono wa noteri</li> </ul> <p>Ku banyeshuri basanzwe biga basabwa kwuzuzura urupapuro biyandikishirizaho no kugaragaza ko bishyuye impapuro zabo ziriho kashi yo mwishami ry'imari.</p> |
| <p><b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b></p>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ujya mu biro by'umwanditsi w'abanyeshuri</li> <li>- Utanga inyandiko isaba kwiga irihamwe n'ibikenerwa byose (ku banyeshuri bashya)</li> <li>- Oyo gusaba kwiga kwawe gukwije ibyangomba usabwa gutegereza amezi atatu kugira ngo igikorwa cyogutoranya kirangire.</li> <li>- Gutanga inyandiko ikubiyemo ibisabwa hamwe n'impapuro za banki zigaragaza ko wishyuye.</li> </ul>  |
| <p><b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b></p> | <p>Banki ya Kigali ishami rikorera muri SFB</p>   |
| <p><b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b></p>   | <p>Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinzwe amasomo, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo</p>   |
| <p><b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo</b></p>  | <p>Wasura urubuga rwa interineti y'Ishuri kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> iyo ushaka amakuru. Ukeneye kumenya andi makuru wahamagara kuri telefoni nomero: 0788597431, cyangwa 0788304391 mu masaha</p>  |

|   |  |
|---|--|
| <b>serivisi?</b>  | y'akazi.   |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>   | Impapuro buzuza basaba kwiga   |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b> | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> </ul> |

**3. UBWOKO BWA SERIVISI: GUSABA KURENGANURWA KU BATAKOZE IBIZAMINI, IMPAPURO BAKOREYEHO, N'AMANOTA YO KWITABIRA ISHURI MW'ISHAMI RISHINZWE AMASOMO**

|   |  |
|---|--|
| <b>Serivisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>   | GUSABA KURENGANURWA KU BATAKOZE IBIZAMINI, IMPAPURO BAKOREYEHO, N'AMANOTA YO KWITABIRA ISHURI:<br>Ku banyeshuri basanzwe biga ku buryo buhoraho  |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>  | Ishami rishinzwe amasomo cyane cyane irishinzwe kurenganura abasibye ibizamini, abatabonye impapuro zabo zibizamini, n'ibindi bikanyuzwa biro by'umuhuzabikorwa w'amasomo.   |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>  | Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa gatanu saa kumi n'imwe ku biga ku manywa, naho abiga ikigoroba n'uguhera saa kumi n'imwe n'igice kugeza saa tatu n'igice z'ijoro   |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>   | Iminsi ibiri   |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>   | Ntabyo   |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>  | Kugira ngo umunyeshuri asabe kurenganurwa kuri serivisi zivuzwe haruguru agomba kuba afite: <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ibaruwa ibisaba</li> <li>- Kopi y'indangamuntu</li> <li>- Impapuro zihamya impamvu yo gusaba kurenganurwa</li> </ul>                    |
| <b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>   | Ujya mw'ishami rishinzwe amasomo (umuhuzabikorwa w'amasomo) igihe wabuze urupapuro wakoreyeho ibizamini.   |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Ntazo  |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>   | Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinze amasomo, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo  |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>  | Wasura urubuga rwa interineti rw'Ishuri kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> iyo ushaka amakuru. Ukeneye kumenya andi makuru wahamagara kuri telefoni numero: 0788304391 mu masaha y'akazi.  |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>   | Ntazo  |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivugaga kuri iyi serivisi</b>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> </ul> |

**4. UBWOKO BWA SERIVISI : GUSABA KONGERA GUKOSORWA NO GUHABWA IKIZAMINI CYIHARIYE**

|  |  |
|--|--|
| <b>Serivisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>  | GUSABA KONGERA GUKOSORWA NO GUHABWA IKIZAMINI CYIHARIYE:<br>Ku banyeshuri basanzwe biga ku buryo buhoraho  |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>   | Ishami rishinzwe amasomo cyane cyane ku bashinzwe kurenganura abasibye ibizamini, abatabonye impapuro zabo z'ibizamini, n'ibindi bikanyuzwa mu biro by'umuhuzabikorwa w'amasomo.   |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>   | Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa gatanu saa kumi n'imwe ku biga ku manywa, naho abiga ikigoroba n'uguhera saa kumi n'imwe n'igice kugeza saa tatu n'igice z'ijoro   |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>  | Iminsi ibiri   |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>  | RWF 10,000 wishyura usaba kongera gukosorwa.<br>Nta amafaranga atangwa ku kizamini cyihariye   |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</b>  | Kugira ngo umunyeshuri asabe kurenganurwa kuri serivisi zivuzwe haruguru agomba kuba afite: <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ibaruwa ibisaba</li> <li>- Kopi y'indangamuntu</li> <li>- Urupapuro rwo kwa muganga wemewe na Leta (ku kizamini cyihariye)</li> <li>- Inyemezabwishyu (k'usaba kwongera gukosorwa)</li> </ul>                   |
| <b>Binyura mu yihe nzira ngo uyihabwe?</b>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ujya mu bunyamabanga rusange mw'ishami rishinzwe amasomo ugatanga inyandiko ikubiyemo byose bisabwa guhabwa ikizamini cyihariye. Igisubizo ukibona mu minsi ibiri</li> <li>- Iyo ushaka kwongera gukosorwa ujya mw'ishami ribishinzwe ugatanga inyandiko ibisaba ugasubizwa mu by'umweru bibiri.</li> </ul> |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero, nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Banki ya Kigali ishami rikorera muri SFB   |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>  | Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinze amasomo, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo  |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>   | Wasura urubuga rwa interineti rw'Ishuri kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> iyo ushaka amakuru. Ukeneye kumenya andi makuru wahamagara kuri telefoni nomero: 0788304391 mu masaha y'akazi.  |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>  | Ntazo  |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>  | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> </ul>   |

**5. UBWOKO BWA SERIVISI : GUSABA IKARITA Y'ISHURI/IY'IKIZAMINI BISIMBURA IZATAKAYE**

|   |  |
|---|--|
| <b>Serivisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>   | GUSABA IKARITA Y'ISHURI/IY'IKIZAMINI ISIIMBURA IYATAKAYE :<br>Ku banyeshuri basanzwe biga bariyandikishyije muri uwo mwaka w'amasomo.  |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>  | Ishami rishinzwe amasomo, Ibiro by'umwanditsi w'abanyeshuri  |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>  | Guhera kuwa mbere saa moya zigitondo kugeza kuwa gatanu saa kumi n'imwe z'igicamunsi   |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>   | Uwo mwanya   |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>   | RWF 5000 kw'ikarita y'ishuri<br>RWF 2000 kw'ikarita y'ikizamini byatakaye.<br>Iyo ari ukubifata bwa mbere nta mafaranga utanga   |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>  | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Nta byangombwa bikenerwa gufata ikarita y'ishuri cyangwa iy'ikizamini bwa mbere</li> <li>- Ku yatakaye ugomba urupapuro ugaragara ko wishyuye ruvuye mw'isomero cyangwa mu biro by'imari</li> <li>- Inyemezabwishyu ya banki kw'ikarita y'ishuri /iy'ikizamini</li> </ul> |
| <b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>   | Ishami rishinzwe amasomo, Ibiro by'umwanditsi w'abanyeshuri  |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Banki ya Kigali ishami rikorerwa muri SFB  |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>   | Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinze amasomo, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo  |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>  | Wasura urubuga rwa interineti rw'Ishuri kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> iyo ushaka amakuru. Ukeneye kumenya andi makuru wahamagara kuri telefoni nomero: 0788597431, cyangwa 0788304391 mu masaha y'akazi.  |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>   | Ntazo  |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivugaga kuri iyi serivisi</b>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> </ul>                                       |

**6. UBWOKO BWA SERIVISI : KUBONA ICYEMEZO, URWANDIKO RWEMEZA, N'INYANDIKO Z'INDANGAMANOTA BY'ICYICIRO CYA GATATU CYA KAMINUZA**

|   |  |
|---|--|
| <b>Serivisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>   | KUBONA ICYEMEZO , URWANDIKO RWEMEZA, N'INYANDIKO Z'INDANGAMANOTA BY'ICYICIRO CYA GATATU CYA KAMINUZA:<br>Uyo uri umunyeshuri wiyandikishije kandi wiga cyangwa wize mw'ishuri ry'icyiciro cy'agatatu wemerewe gusaba ibyangombwa bivuzwe haruguru.                           |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>  | MBA Unit   |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>  | Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe z'igicamunsi<br>Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa sita z'amanywa   |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>   | Umunsi umwe  |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>   | Ntabwo   |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>  | Kubisaba mu nyandiko cyangwa binyuze kuri interineti   |
| <b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>   | Ibaruwa isaba yandikirwa umuhuzabikorwa w'amasomo Uwitanga k'umuhuzabikorwa wa porogaramu Iyo hamaze kugenzurwa ko wiyandikishije n'ibijyanye n'amanota yawe, iyo byose bimeze neza, ubwirwa kuza umunsi ukurikiyeho kujyana ibyangombwa wasabye.                            |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Ntazo  |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>   | Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinzwe amasomo, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo   |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>  | Wasura urubuga rwa interineti rw'Ishuri kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> iyo ushaka amakuru. Ukeneye kumenya andi makuru wahamagara kuri telefoni nomero: 0788737424 (Dr.Murty) cyangwa 0788855448 (Mr.Vianney) mu masaha y'akazi.                     |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>   | Ntazo  |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> </ul> |

**7. UBWOKO BWA SERIVSI : GUSABA KWIYANDIKISHA KWIGA MU CYICIRO CYA GATATU CYA KAMINUZA NO KWEMERERWA**

|  |   |
|--|---|
| <p><b>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</b></p>  | <p>GUSABA KWIYANDIKISHA KWIGA MU KICIRO CYA GATATU CYA KAMINUZA NO KWEMERERWA:<br/>Kugira ngo wemererwe kwiga icyiciro cya gatatu, ugomba kuba ufite icyiciro cya kabiri cya kaminuza ufite igiteranyo cy'amanota 60%, kuba watsinze icyongereza cya TOEFL cyangwa ufite uburambe bw'akazi bw'imyaka itatu.</p>   |
| <p><b>Ishami ryo kubarizamo</b></p>  | <p>Ishami ry'icyiciro cya gatatu</p>  |
| <p><b>Serivisi itangwa ryari?</b></p>  | <p>Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe z'igicamunsi<br/>Kuwa gatanu n'uguhera saa moya z'igitondo kugeza saa sita z'amanywa</p>  |
| <p><b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b></p> | <p>Amezi 2 cyangwa 3 umaze gutanga ibaruwa isaba kwiga, ugaterereza ibaruwa ikwemerera iva muri MSM mu gihugu cy'Uburundi.</p>  |
| <p><b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b></p>                                     | <p>Impapuro wuzuzwa usaba zitangirwa ubuntu.<br/>Iyo umaze kwemererwa usabwa kwishyura ibihumbi 42,000 by'amafaranga y'u Rwanda yo kwiyandikisha hamwe 7,700 by'amafaranga akoreshwa iburayi (Euro) y'ishuri ku myaka ibiri agashobora gutangwa mu byiciro bitatu nk'uko bigaragara hepfo;<br/>1. 3,000- bitangwa mbere y'uko ukora ibizamini by'icyiciro cya mbere,<br/>2. 2,350- bitangwa mbere y'uko utangira icyiciro cy'ingenzi<br/>3. 2,350- bitangwa mbere yo guhitamo iby'uziga nk'umwihariko</p>   |
| <p><b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b></p>                              | <p>Usaba ubinyujije muri MSM (Kaminuza y'Abahorandi) n'Ishuri Rikuru ry'Imari n'Amabanki ugatanga ibi bikurikira:<br/>1. Kwuzuzwa impapuro ubisaba.<br/>2. Gutanga impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza iriho umukono wa noteri, ndetse zihunduye mu cyongereza iyo bikenewe.<br/>3. Indangamanota ziriho kashi ya kaminuza wizeho, kandi zihinduwe mu cyongereza iyo bikenewe.<br/>4. Inyandiko eshatu zabakwishingiye kandi bagomba kuba bakuzi neza n'ubushobozi bwawe mu myigire, cyangwa ukishingirwa n'umukoresha wawe wa nyuma.<br/>5. Ikigaragaza uburambe ku kazi: ibaruwa y'umukoresha iriho ikirangantego cy'ikigo, igaragaza inshingano z'akazi ukora, uburambe ku kazi bugomba kuba byibuze imyaka itatu<br/>6. Ikizamini cy'icyongereza watsindanye amanota 570 cyangwa ibingana nayo.<br/>7. Incamake yawe y'icyongereza.<br/>8. Ikizamini wakoreshejwe n'ubuyobozi uje kwiyandikisha byibuze n'amanota 500<br/>9. Ibaruwa igaragaza impamvu ushaka kwiga<br/>10. Kopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo<br/>11. Amafoto magufi 2 ya pasiporo</p> |
| <p><b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b></p>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Iyo ukwiye ibasabwa, ushobora kubona urupapuro rwo kwuzuzwa usaba mw'ishami ry'amasomo cyangwa ku rubuga rwa interineti rw'ishuri.</li> <li>- Gutanga impapuro wasabiyeho hamwe n'ibindi byangombwa bikenewe mw'ishami ry'icyiciro cya gatatu mu by'ubucuruzi</li> <li>- Gutoranya bikorwa n'ishuri ry'imari ndetse n'ishuri ryo mu Buhorande bigafata ameze abiri cyangwa atatu</li> <li>- Iyo byose birangiye ubona ibaruwa ikwemerera uyihawe n'ishuri ryo mu Buhorande</li> </ul>  |



|   |   |
|---|---|
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Banki ya Kigali ishami rikorera muri SFB.   |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>   | Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinzwe amasomo icyiciro cya gatatu, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo  |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>  | Wasura urubuga kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> kugira ngo umunye amakuru. Ukeneye ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni nomero: 0788737424 (Dr.Murty) cyangwa 0788855448 (Mr.Vianney) mu masaha y'akazi  |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>   | Impapuro buzuza basaba  |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> <li>• Amabwiriza y'Ishuri ryo mu Buhorandi ry'Icungamutungo</li> </ul> |

**8. UBWOKO BWA SERIVISI : KURENGANURWA BIJYANYE NO KWIGA MW'ISHURI, GUSIBA, GUKOSOZA AMANOTA MU MASOMO YAKOREWE HANZE Y'ISHURI, IBIZAMINI, KWONGERA GUKORA IBIZAMINI, KWANDIKA IGITABO NO KUKIMURIKIRA UMUYOBOZI USHINZWE AMASOMO**

|   |   |
|---|---|
| <p>Serivisi ni iyihe?<br/>Nujuje ibisabwa?</p>  | <p><b>GUSABA KURENGANURWA BIJYANYE NO KWIGA MW'ISHURI, GUSIBA, GUKOSOZA AMANOTA MU MASOMO YAKOREWE HANZE Y'ISHURI, IBIZAMINI, KWONGERA GUKORA IBIZAMINI, KWANDIKA IGITABO NO KUKIMURIKA:</b></p> <p>Kubiyandikishije, abasanzwe biga, iyo bize amasomo yose, barakoze ibizamini, kandi baramuritse ibitabo byabo</p>                          |
| <p><b>Ishami ryo kubarizamo</b></p>   | <p>Ishami ry'Ubuyobozi bushinzwe Amasomo</p>  |
| <p><b>Serivisi itangwa ryari?</b></p>   | <p>Guhera kuwa mbere kugeza kuwa gatanu: igihe cyose</p>  |
| <p><b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b></p>  | <p>- Icyumweru kimwe iyo isomo ryatanze n'umwarimu w'ishuri ry'imari n'amabanki<br/>- Icyumweru kimwe cyangwa bibiri iyo isomo ryatanze n'umwarimu w'ishuri ryo mu Buhorandi</p>  |
| <p><b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b></p>  | <p>Ntabwo</p>   |
| <p><b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b></p>   | <p>Ibyangombwa bihamya womeka ku nyandiko isaba kurenganurwa</p>  |
| <p><b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b></p>  | <p>Gusaba kurenganurwa byoherezwa ku babishinzwe kugira ngo abarenganye barenganurwe niba impamvu zabo zumvikana</p>  |
| <p><b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero, nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b></p> | <p>Ntazo</p>  |
| <p><b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b></p>  | <p>Inyandiko isaba kurenganurwa ishikiriye Umuyobozi ushinze amasomo icyiciro cya gatatu, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo</p>  |
| <p><b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b></p>   | <p>Wasura urubuga kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> kugira ngo umunye amakuru. Ukeneye ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni numero: 0788737424 (Dr.Murty) mu masaha y'akazi .</p>   |
| <p><b>Impapuro zuzuzwa</b></p>  | <p>Ntazo</p>  |
| <p><b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivugaga kuri iyi serivisi</b></p>  | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> <li>• Amabwiriza y'Ishuri ryo mu Buhorandi ry'Icungamutungo</li> </ul> |

**9. UBWOKO BWA SERIVISI : KUBONA UZAKUYOBORA KWANDIKA IGITABO MW'ISHURI RY'IMARI N'AMABANKI CYANGWA MW'ISHURI RYO MU BUHORANDI RY'ICUNGAMUTUNGO**

|   |  |
|---|--|
| <b>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>  | KUBONA UZAKUYOBORA KWANDIKA IGITABO CY'ICYICIRO CYA GATATU:<br>Iyo uri umunyeshuri wemewe wiga mu kiciro cya gatatu wemerewe kubona ukuyobora kwandika igitabo.<br>Iyo utsinzwe kabiri, bigusaba kwongera ukiyandikisha mu kiciro cyo kugenzura imikorere  |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>  | Umuhuzabikorwa w'amasomo   |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>  | Iyo umaze kurangiza icyiciro cyanyuma  |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>   | - Icyumweru kimwe kubona uzakuyobora kwandika kuva muri SFB<br>- Ukwezi kubona uzakuyobora kwandika kuva muri MSM mu Buhorandi   |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>   | - Ntacyo ku banyeshuri basanzwe<br>- Kwongera kwiandikisha ku banyeshuri batsinzwe muri MSM  |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>  | Iyo uri umunyeshuri w'umwaka watambutse utarashoboye kurangiriza ku gihe kwandika igitabo usabwa ibi bikurikira:<br>- Kopi y'ibaruwa ikwemerera ishuri<br>- Ibaruwa isobanura impamvu y'ubukererwe<br>- Ibisobanuro utanga biherekeza impapuro utanze  |
| <b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>   | - Gutanga imbanzirizamushinga nkuko biteganwa n'amabwiriza y'ishuri yo kwandika igitabo<br>- Gutanga ingingo z'ubushakashatsi ushaka gukoraho noneho abarimu b'ishuri ry'imari n'amabanki bagahitamo ijyanye n'ibyifuzo byabo<br>- Abasigaye baherezwa mw'ishuri ryo mu buhorande kugira ngo haboneke abarimu bazayobora abanyeshuri<br>- Iyo uri umunyeshuri w'umwaka watambutse bisaba ko dossier yawe yoherezwa mu Buhorande kugira ngo yemerwe |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Banki ya kigali ishami rikorerera muri SFB   |
| <b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>   | Inyandiko isaba kurenganurwa ishyikirizwa Umuyobozi ushinzwe amasomo icyiciro cya gatatu, waba utanyuzwe ukareba Umuyobozi w'Ishuri Wungirije Ushinzwe Amasomo   |
| <b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>  | Wasura urubuga kuri: <a href="http://www.sfb.ac.rw">www.sfb.ac.rw</a> kugira ngo umunye amakuru. Ukeneye ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni nomero: 0788737424 (Dr.Murty) mu masaha y'akazi.  |
| <b>Impapuro zuzuzwa</b>   | Ntazo  |
| <b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>   | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Itegeko N° 24/2009 ryo kuwa 08/09/2009 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ritanga inyigisho mu byerekeye Imari n'Amabanki (SFB)</li> <li>• Amabwiriza agenga imyigire n'amasomo muri Kaminuza mu Rwanda</li> <li>• Amabwiriza y'Ishuri ryo mu Buhorandi ry'Icungamutungo</li> </ul>  |

**10. UBWOKO BWA SERVISI: GUSABA NO KUBONA IKARITA Y'ISHURI ISIMBURA IYATAKAYE**

|   |   |
|---|---|
| <b>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>  | GUSABA NO KUBONA IKARITA Y'ISHURI ISIMBURA IYATAKAYE :<br>Ku banyeshuri biyandikishije kandi biga.  |
| <b>Ishami ryo kubarizamo</b>  | Icyiciro cya gatatu   |
| <b>Serivisi itangwa ryari?</b>  | Guhera kuwa mbere guheza kuwa gatanu saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi  |
| <b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>   | Umunsi umwe   |
| <b>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</b>   | Ntabyo  |
| <b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>  | Ntabyo  |
| <b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>   | Ujya mu biro by'umuhuzabikorwa  |
| <b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b> | Ntazo   |
